

# Uko amabara yishyizehamwe mu kirere

Jean Paul Harelimana
Offei Tettey Eugene



Umunsi umwe
imvura nyinshi
ihise, Keza yarebye
mu kirere
abonamo amabara
atandukanye.
Bwari ubwa mbere
abonye ayo
mabara.




Yaribwiye ati: "Mbega amabara meza!" Hari umuntu uzi gukora cyanewasize aya amabara mu kirere akoresheje uburoso nkuko data ajya abigenza asiga inzu.



Yirukankiye kwa mukuru we aramubwira ati: "Kaliza, reba! Hari umuntu wadusigiye irangi ikirere akigira kiza cyane!"



Kaliza ati: "Oya! Ubwo ni ubuswa. Uriya ni umukororombya. Uracyari umwana, nge ndi mukuru, urumva rero ko nzi impamvu uriya mukororombya uri mu kirere. Reka nkwereke."



Kaliza yajyanye Keza ahororerwa inyamaswa, aramubwira ati: "Umukororombya ntuzanwanukoibyar by'intare bitontomye bwa mbere cyangwa se inzovu zavutse."



Yongeye kujyana Keza mu busitani bw'indabo aramubwira ati: "Umukororombya ntugaragazwa nuko ibinyugunyugu byataye amabara yabyo mu bicu."



Yeretse Keza igitabo arangije aramubwira ati: "Ntabwo umukororombya uterwa nuko inkura yirukanse ibisambu byose igatera ubwoba amabara agahungira mu kirere."



Nzi neza impamvu umukororombya uboneka. Mama yarabimbwiye, nange ndabigusobanurira.


Kaliza yafashe Keza akaboko berekeza ku kibugacy'imikino.



"Umukororombya ugaragara mu kirere kubera abana bameze nkanje nawe. Hari igihe amabara yabonekaga hasi avuye mu kirere agakunda ko bayareba."



"Yabonye abana bafite uruhu rwera n'abafite urwirabura n'abandi bo mu bindi byiciro by'amabara. Maze aribwira ati: 'Birashimishije kubona aya mabara!'"



Nuko ayo mabara yishyira hamwe mu kirere atekereza icyo yakora. Afata umanzuro ati: "Niba dushaka guhora dusa neza tugomba kwishyira hamwe nk' itsinda."



Kuva ubwo amabarayishyira hamwe maze ararabagirana cyane uko ashoboye. Yari yizeye gusaneza cyane nkuko abana bayabonye, nkawe nanjye.

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:

Uko amabara yishyizehamwe mu kirere

**Author** - Zainab Ayoza Omaki
**Translation** - Jean Paul Harelimana
**Illustration** - Offei Tettey Eugene
**Language** - Kinyarwanda
**Level** - First sentences

© African Storybook Initiative 2018
Creative Commons: Attribution 4.0
**Source** www.africanstorybook.org